**Ingingo ya mbere: Ishyirwaho**

**Article One: Appointment**

**Article premier: Nomination**

Bwana MUTABAZI Ronald agizwe Economic Policy Analyst muri Serivisi za Minisitiri w'Intebe.

Mr. MUTABAZI Ronald is hereby appointed Economic Policy Analyst in the Prime Minister's Office.

Monsieur MUTABAZI Ronald est nommé Analyste des Politiques Economiques au sein des services du Premier Ministre.



*Official Gazette n°11 of 17/03/2014*

**Ingingo ya 2: Abashinzwe kubahiriza iri teka**

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe kubahiriza iri teka.

**Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order**

The Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.

**Article 2 : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

**Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Article 3: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 3 : Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni rishyiriweho umukono. Agaciro karyo gahera kuwa 27/11/2013.

**Article 4: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its signature. It takes effect as of 27/11/2013.

**Article 4 : Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa signature. Il sort ses effets à partir du 27/11/2013.

Kigali, ku wa 12/02/2014

Kigali, on 12/02/2014

Kigali, le 12/02/2014

*Official Gazette n°11 of 17/03/2014*

(sé)  
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Minisitiri w'Intebe

(sé)  
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Prime Minister

(sé)  
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Premier Ministre

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Minister of Public Service and Labour

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Ministre de la Fonction Publique et du  
Travail

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the  
Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice / Attorney General

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux

**UMURYANGO USHINGIYE KU  
IDINI  
« SOEURS ABIZERAMARIYA »**

**RELIGIOUS BASED  
ORGANIZATION  
« SOEURS ABIZERAMARIYA »**

**ORGANISATION FONDEE SUR  
LA RELIGION  
« SCEURS ABIZERAMARIYA »**

**AMATEGEKO SHINGIRO**

**STATUTES**

**STATUTS**

**Gisagara, Ugushyingo 2012**

**Gisagara, November 2012**

**Gisagara, Novembre 2012**

**IRIBURIRO**

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 35;

Dushingiye ku Itegeko n° 06/2012 ryo kuwa 17 Gshyantare 2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango ishingiyeye ku idini, cyane mu ngingo zayo 17, 27, 28 na 44;

Dushingiye kandi ku Iteka rya Minisitiri n° 67/08 ryo kuwa 12 Mata 1963 riha ubuzima gatozi uwo Umuryango udaharanira inyungu; «ABIZERAMARIYA ».

Duhereye ku Itegeko ryavuzwe haruguru, Inteko Rusange y'Umuryango «SOEURS ABIZERAMARIYA » yateraniye ku Gisagara, Akarere ka Gisagara, Intara y' Amajyepfo ku itariki ya 22 Ugushyngiye 2012 yemeje kuvugurura Amategeko Shingiro y'uwo Muryango mu buryo bukurikira:

**PREAMBLE**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in article 35;

Pursuant to the Law n° 06/2012 of 17 February 2012 determining organization and functioning of religious-based, especially in its articles 17, 27, 28 and 44;

Pursuant to the Ministerial Order n° 67/08 of 12<sup>th</sup> April 1963 granting the civil personality to the non-profit making Association; « ABIZERAMARIYA ».

While confirming to the aforementioned Law, the General Assembly of the religious based Organization, «SOEURS ABIZERAMARIYA », gathered at Gisagara District, Southern Province, on November 22<sup>th</sup>, 2012 adopted the modifications brought to the Statute of the so-called Organization, as follows:

**PREAMBULE**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 Juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en son article 35 ;

Vu la Loi n° 06/2012 du 17 Février 2012 portant organisation et fonctionnement des organisations fondées sur la religion, spécialement dans ses articles 17, 27, 28 et 44 ;

Vu l'Arrêté Ministériel n° 67/08 du 12 Avril 1963 accordant la personnalité juridique à l'Association sans but lucratif; «ABIZERAMARIYA ».

En se conformant à la loi précitée, l'Assemblée Générale de l'Organisation fondée sur la religion, «SŒURS ABIZERAMARIYA » réuni à Gisagara, District Gisagara, Province du Sud en date du 22 Novembre 2012, a adopté les modifications apportées aux Statuts de la dite Organisation, comme suit :

**UMUTWE WA MBERE : IZINA, ICYICARO N'IGIHE**

**Ingingo ya mbere: Izina**

Havuguruwe Amategeko Shingiro y'Umuryango ushingiyeye ku idini witwa « SOEURS ABIZERAMARIYA » ugengwa n'itegeko n° 06/2012 ryo kuwa 17 Gashyantare 2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango ishingiyeye ku idini.

**Ingingo ya 2: Icyicaro**

Icyicaro cy'Umuryango «SOEURS ABIZERAMARIYA » kiri ku Gisagara, Akarere ka Gisagara, Intara y'Amajyepfo, B.P 110 Butare. Gishobora kandi kwimurirwa ahandi hantu, muri Repubulika y'u Rwanda byemejwe n'Inteko Rusange y'Umuryango iyo yateranye ku bwiganze bw'amajwi ya bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize.

**Ingingo ya 3: Igihe**

Umuryango uzamara igihe kitazwi.

**UMUTWE II: INTEGO, UBUTUMWA BWAWO, AHO UZAKORERA, ABAGENERWABIKORWA**

**Ingingo ya 4 : Intego**

Umuryango «SOEURS ABIZERAMARIYA », ufite intego yo gufasha no kwitangira abatishoboye batagira kivurira.

**CHAPTER ONE: DENOMINATION, HEAD OFFICE AND DURATION**

**Article one: Denomination**

It is hereby renewed the Statutes a religious-based Organization called «SOEURS ABIZERAMARIYA » governed by the law 06/2012 of 17 February 2012 determining Organization and functioning of religious-based Organizations.

**Article 2: Head office**

The Head Office of the Organization, «SOEURS ABIZERAMARIYA », is established at Gisagara District in the Southern Province, P.O Box: 110 Butare. It may be transferred elsewhere in Rwanda upon the General Assembly, meeting decision taken by a majority of two-third (2/3) of its members.

**Article 3: Duration**

The Organization is established for unlimited time.

**CHAPTER II: OBJECTIVE, MISSIONS, ACTIVITY AREA AND BENEFICIARES**

**Article 4: Objective**

The denominational religious based Organization «SOEURS ABIZERAMARIYA», has the objective to help and secure the poor and vulnerable people.

**CHAPITRE PREMIER: DÉNOMINATION, SIEGE ET DURÉE**

**Article premier: Dénomination**

Il est renouvelés les Statuts de l'Organisation fondée sur la religion dénommée «SCEURS ABIZERAMARIYA », régie par la loi n° 06/2012 du 17 Février 2012 relative aux Organisations et fonctionnement des Organisations fondées sur la religion.

**Article 2: Siège**

Le siège social de l'Organisation «SOEURS ABIZERAMARIYA » est établi à Gisagara, District de Gisagara, Province du Sud, B.P. 110 Butare. Il peut néanmoins être transféré en tout autre endroit de la République du Rwanda sur décision de l'Assemblée Générale, à la majorité de deux tiers (2/3) de ses membres.

**Article 3: Durée**

L'Organisation est constituée pour une durée illimitée.

**CHAPITRE II: OBJECTIF, MISSION, ZONE D'ACTIVITE, LES BENEFICIAIRES**

**Article 4: Objectif**

L'Organisation fondée sur la religion « SCEURS ABIZERAMARIYA » a pour objectif d'être au service des pauvres et les plus démunis.

**Ingingo ya 5: Ubutumwa bwawo**

Ufite ibikorwa bikurikira:

1. Gukurikirana no gukora ibyerekeye ubutungane bwa gikirisitu mu buzima bwose bw'Umuryango ;
2. Gufasha no kunganira abapadiri muri za paruwasi mu iyobokamana n'iyogezabutumwa ;
3. Gukora, kuyobora, no gutera inkunga ibikorwa byose by'urukundo haba ku mubiri haba no kuri roho; bigenewe guteza imbere agaciro n'ubwiyubaha bw'ikiremwa muntu cyane cyane: kwita ku bantu bakuze batereranywe, abakene batagira kirengera, n'ababana n'ubumuga bakeneye ubufashe
4. Gufasha imfubyi, kuvura abarwayi no gufasha abakene.
5. Kwita ku bikorwa by'urukundo cyane ku mbabare no ku muntu wese uri mu ngorane.

**Ingingo ya 6: Aho uzakorera**

Umuryango ukorera mu gihugu cyose cy'u Rwanda kandi ugeze ibikorwa byawo mu bindi bihugu.

**Ingingo ya 7: Abagenerwabikorwa**

Abagenerwabikorwa ni abageze mu zabukuru batereranywe, abana b'imfubyi, abakene b'ingeri zose, abarwayi, abafite ubumuga batishoboye, n'abandi bese bakeneye ubufashe bw'Umuryango kuri roho no ku mubiri.

**Article 5: Mission**

There activities are:

1. The pursuit and the exercise of Christian perfection in consecrated life;
2. Help and assist the parish clergy in the pastoral and evangelization;
3. The organization, direction and support of all bodily and spiritual deeds of mercy bound to promote and value the dignity of the human person, notably the support to destitute and abandoned old people as well as to invalids and other handicapped;
4. The support of orphans, the care of patient and the help of the poor,
5. The support to all charity work especially in favor of the most wretched and all persons in the need.

**Article 6: Activity area**

The Organization exercises its activities in Rwanda. This activity can be extended to others countries.

**Article 7: Beneficiaries**

The Beneficiaries abandoned old persons, orphans, all poor persons, patients, vulnerable handicapped and any other person needing spiritual and bodily help.

**Article 5 : Missions**

Ces activités sont:

1. La poursuite et l'exercice de la perfection chrétienne dans la vie consacrée ;
2. L'aide et le secours au clergé paroissial dans la pastorale et l'évangélisation ;
3. L'organisation, la direction et le soutien de toutes œuvres corporelles et spirituelles de miséricorde destinées à promouvoir la valeur et la dignité de la personne humaine notamment : la prise en charge des personnes âgées démunies et abandonnées ainsi que des infirmes et autres handicapés ;
4. Le soutien des orphelins, le soin des malades et le secours des pauvres,
5. Le concours à toute œuvre de charité surtout auprès des plus malheureux et toute personne dans le besoin.

**Article 6: Zone d'intervention**

L'Organisation exerce ses activités au Rwanda et ailleurs dans d'autres pays.

**Article 7: Bénéficiaires**

Les bénéficiaires sont les personnes âgées abandonnées, les orphelins, les pauvres de toutes sortes, les malades, les handicapés vulnérables, ainsi que toutes les autres personnes qui ont besoin d'être secourues spirituellement et corporellement.

**UMUTWE WA III: ABANYAMURYANGO**

**Ingingo ya 8: Abawugize n'abazawuzamo**

Umuryango ugizwe n'abanyamuryango bose bawurimo bakoze amasezerano n'abandi bose bazawinjiramo hakurikijwe uko Amategeko yihariye y'Umuryango « SOEURS ABIZERAMARIYA » abigena.

Kwemerwa no kwakirwa mu Muryango bikorwa n'Inama Nkuru bisabwe mu nyandiko hakurikijwe Amategeko yihariye y'Umuryango.

**Ingingo ya 9: Inshingano zabo**

Abanyamuryango « SOEURS ABIZERAMARIYA », biyemeza buri wese kugira umwanya n'uruhare rwe mu bikorwa byo kubaka Umuryango wamwakiriye no kuwitangira batizigama.

Ubwo buzima biyemeje babubamo bakurikiza Amategeko Shingiro n'Amategeko yihariye y'Umuryango.

Abanyamuryango « SOEURS ABIZERAMARIYA » bafite uburenganzira bwo gufashwa n'uwo Muryango kuri roho no ku mubiri no mu kurangiza neza ubutumwa bashinzwe.

**Ingingo ya 10: Umubare w'abanyamuryango**

Abanyamuryango ntibagira umubare ntarengwa.

**CHAPTER III: MEMBERSHIP**

**Article 8: The adherent members and others adherents**

The Organization consists of all members having been bound by religious vows to the congregation of « SOEURS ABIZERAMARIYA » and all those will adhere after according to internal regulation rules of the Organization.

Membership is granted by the General Council on written demand according to internal regulation rules of the Organization.

**Article 9: Responsibilities of members**

The members of the religious-based Organization « SOEURS ABIZERAMARIYA » commit to actively participate to the Organization's activities.

They commit to faithfully confirm to the Statutes and internal order regulations of the Organization.

Members of « SOEURS ABIZERAMARIYA » are entitled to corporal and spiritual life assistance by their Organization in the accomplishment of their mission.

**Article 10: Number of members**

The number of full members shall be unlimited.

**CHAPITRE III : DES MEMBRES**

**Article 8 : Membres adhérents et les autres adhérents**

L'Organisation comprend tous les membres y appartenant liés par l'engagement des vœux de religion et tous les autres qui y adhéreront suivant le Droit propre de l'Organisation « SOEURS ABIZERAMARIYA ».

L'adhésion d'être membre est accordée par le Conseil Général sur demande écrite et selon le Droit propre de l'Organisation.

**Article 9: Obligations et devoirs des membres**

Les membres des « SOEURS ABIZERAMARIYA » s'engagent activement à la participation aux activités de l'Organisation.

Ils s'engagent à vivre fidèlement selon les Statutes et Règlements internes de l'Organisation.

Les membres des « SOEURS ABIZERAMARIYA » ont droits d'être assisté par leur Organisation dans le domaine corporel et spirituel ainsi que dans l'accomplissement de leur mission.

**Article 10: Nombre des membres**

Le nombre des membres effectifs est indéterminé.

**Ingingo ya 11: Kureka kuba umunyamuryango**  
Uburenganzira bwo kuba umunyamuryango bukurwaho n'urupfu, kwikura mu Muryango, cyangwa se gusezererwa kubera kutubahiriza aya Mategeko Shingiro cyangwa Amategeko yihariye y'Umuryango.

**UMUTWE WA IV: UKO INZEGO Z'UBUTEGETSI ZITEYE N'UBUBASHA BW'IZO NZEGO**

**Ingingo ya 12: Inzego z'ubutegetsi mu Muryango**

Inzego z'ubutegetsi mu Muryango ni izi:

1. Inteko Rusange
2. Inama Nkuru
3. Urwego rw'ubugenzuzi bw'imari
4. Urwego rwo gukemura amakimbirane.

**Igice cya mbere: Inteko Rusange**

**Ingingo ya 13: Abagize Inteko Rusange**

Inteko Rusange ni rwo rwego rukuru mu Muryango. Rugizwe n'abanyamuryango babifitiye uburenganzira: Umuvugizi w'Umuryango n'Abajyanama be, Umucungamutungo Mukuru, Umwanditsi Mukuru, Abahoze ari Abavugizi b'Umuryango, Abakuru b'Uturere tw'ubutumwa n'abanyamuryango b'abanyabutumwa batorwa na bagenzi babo b'abanyamuryango nk'uko bigenwa n'Amategeko yihariye y'Umuryango.

**Article 11: Loss of membership**

Membership is gets lost by death, voluntary withdrawal or exclusion for violation of the present statutes or internal regulations of the Organization.

**CHAPTER IV: STRUCTURE AND POWERS OF ORGANS**

**Article 12: Structure**

The organs of the Organization are the following:

1. The General Assembly
2. The General Council
3. Administrative financial organ
4. Organ for and mechanisms of conflict resolution.

**Section one: General Assembly**

**Article 13: Composition of the General Assembly**

The General Assembly is the supreme organ of the Organization. It is composed of Legal of Representative and her General Council, others former Legal Representatives, General treasurer, General Secretary, the regional superiors and delegates chosen by their colleagues according to internal regulation of the Organization.

**Article 11 : Perte de la qualité de membre**

La qualité de membre se perd par le décès, le retrait volontaire ou l'exclusion par violation des présents Statuts ou de Droit propre de l'Organisation.

**CHAPITRE IV: STRUCTURE, COMPETENCE ET ATTRIBUTION DES ORGANES**

**Article 12: Structures**

Les organes de l'Organisation sont:

1. L'Assemblée Générale
2. Le Conseil Général
3. L'organe administratif financier
4. Organe de résolution des conflits.

**Section première: Assemblée Générale**

**Article 13 : Composition de l'Assemblée Générale**

L'Assemblée Générale est l'organe suprême de l'Organisation. Elle est composée de : Représentante Légale et son Conseil, l'Econome Générale, Secrétaire Générale, Anciennes Représentantes Légales, les Supérieures Régionales et les déléguées choisies par collègues selon le Droit propre de l'Organisation.



**Ingingo ya 14: Inteko Rusange isanzwe n'idasanzwe**

Inteko Rusange isanzwe iterana rimwe mu myaka itandatu.

Inteko Rusange idasanzwe itumizwa n'Umuvugizi w'Umuryango igihe cyose bibaye ngombwa hakurikijwe Amategeko yihariye y'Umuryango.

**Ingingo ya 15: Inshingano n'ububasha byayo**

Inteko Rusange ifite inshingano zikurikira:

1. Kwemeza no guhindura amategeko y'Umuryango;
2. Gusuzuma no kwemeza raporo z'imibereho y'Umuryango, n'iz'umutungo n'imari zitangwa n'Abakuru b'Umuryango barangije igihe bari baratorewe;
3. Gutora no gushyiraho abahagarariye Umuryango, hakurikijwe Amategeko yihariye y'Umuryango;
4. Kugena ibikorwa by'Umuryango;

Inteko Rusange ifata ibyemezo nibura iyo hari bibiri bya gatatu (2/3) by'abanyamuryango b'abanyabutumwa. Ukurikije uko Amategeko yihariye y'Umuryango abigena.

**Article 14: Ordinary and extraordinary General Assembly**

The General Assembly meets once every six years.

The extraordinary General Assembly is convened by the Legal Representative when it is necessary according to internal regulation of the Organization.

**Article 15: Duties and competences**

The General Assembly has the following Powers:

1. To adopt and amend the Statutes and the internal regulation of the Organization;
2. To examine and to approve the moral and financial reports presented by the authorities of the Organization to the end of their mandate;
3. To elect and to dismiss the Legal Representatives, according to the internal regulation of the Organization;
4. Determination of the activities of the Organization;

The General Assembly deliberates validly only if two-third (2/3) of its members are present according to the internal regulation, of the Organization.

**Article 14: Assemblée Générale ordinaire et extraordinaire**

L'Assemblée Générale se réunit une fois tous les six ans.

En cas de besoin l'Assemblée Générale extraordinaire est convoquée par la Représentante Légale selon le Droit propre de l'Organisation.

**Article 15: Attributions et compétences**

L'Assemblée Générale exerce les attributions suivantes:

1. Adoption et modification des Statuts et de Droit propre de l'Organisation;
2. Examiner et approuver les rapports moraux et financiers présentés par les autorités de l'Organisation à la fin de leur mandat ;
3. Elire et révoquer les Représentantes Légales, selon le Droit propre de l'Organisation;
4. Détermination des activités de l'Organisation ;

L'Assemblée Générale ne délibère valablement que si elle réunit les deux tiers (2/3) des déléguées selon le Droit propre de l'Organisation.

**Igice cya 2: Inama Nkuru**

**Ingingo ya 16: Abagize Inama Nkuru**

Umuryango uyoborwa n’Inama Nkuru, igizwe na Perezida ari we Umukuru w’Umuryango ni we Muvugizi w’Umuryango mu rwego rw’Amategeko. Visi Perezida wa mbere ni we Muvugizi wungirije wa mbere. Visi Perezida wa kabiri, ni Umuvugizi wungirije wa kabiri. Visi Perezida wa gatatu ni Umuvugizi wungirije wa gatatu.

Bakurikirana hakurikijwe uko Amategeko yihariye y’Umuryango abigena.

**Section 2: General Council**

**Article 16: Composition of General Council**

The Organization shall be administered by General Council composed of the President who is also the Superior General and Legal Representative of the Organization; the first Vice president of who is first deputy Legal Representative of the Organization. The second Vice president who is second deputy Legal Representative of the Organization. The third Vice president who is third deputy Legal Representative of the Organization.

Legal Representatives follow each other according the internal regulation of the Organization.

**Section 2 : Conseil général**

**Article 16: Composition du Conseil Général**

L’Organisation est administrée par un Conseil Général composée par la Présidente qui est la Supérieure Générale et la Représentante Légale est d’office Présidente de l’Organisation ; la première Vice Présidente est la première Représentante Légale Suppléante de l’Organisation. La deuxième Vice Présidente est la deuxième Représentante Légale Suppléante de l’Organisation. La troisième Vice Présidente est la troisième Représentante Légale Suppléante de l’Organisation.

Les Représentantes Légales sont succédées selon le Droit propre de l’Organisation.

**Ingingo ya 17: Inshingano z'Inama Nkuru**

Inshingano zayo ni izi:

1. Kuyobora Umuryango.
2. Gushyira mu bikorwa ibyemezo n'imyanzuro by'Inteko Rusange;
3. Gushyiraho Umwanditsi Mukuru, Umucungamutungo Mukuru no gushyiraho Uturere tw'Ubutumwa n'Abakuru batwo;
4. Gutegura amahugurwa ateganywa n'Umuryango;
5. Gutegura no kwemeza ingengo y'imari y'umwaka;
6. Gukurikirana icunga mutungo no gusuzuma raporo y'imikoreshereze yawo;
7. Gushakashaka inkunga z'Umuryango n'abagiraneza;
8. Kwakira impano n'imirage;
9. Gutegura ibiteganywa guhinduka mu mategeko y'Umuryango n'ay'umwihariko.

**Article 17: Duties of the General Council**

The assignments of the General Council are the following:

1. The administration of the Organization;
2. To execute the decisions of the General Assembly;
3. Appointment of General Secretary, General Treasurer, create region and appoint regional superiors;
4. Preparation of the sessions;
5. Preparation and confirmation of the yearly budgets;
6. Management of the Organization's patrimony and examination the report of execution;
7. To negotiate grants and bequest with the partners;
8. Acceptance of the grants and bequests;
9. Proposal of the statutes' and the internal order regulation modifications.

**Article 17: Fonctions du Conseil Général**

Les fonctions du Conseil Général sont:

1. L'administration de l'Organisation ;
2. Mettre en exécution des décisions et recommandations de l'Assemblée Générale ;
3. Nommer la Secrétaire Générale, l'Econome Générale, créer les Régions et nommer les Supérieures Régionales ;
4. Préparation des sessions ;
5. Préparer et confirmer le plan budgétaire annuel ;
6. Suivre de la gestion des biens de l'Organisation et examiner leurs rapports d'exécution ;
7. Négocier des dons et des legs avec les partenaires ;
8. Acceptation des dons et des legs;
9. Proposition des modifications des statuts et des droits propres de l'Organisation.

**Ingingo ya 18: Uko iterana n'ifatwa ry'ibyemezo**

Inama Nkuru iterana kabiri mu mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa. Itumizwa kandi ikayoborwa n'Umuvugizi w'Umuryango. Iyo adahari iyoborwa n'Umuvugizi wungirije wa mbere. Uyu nawe atabonetse ikayoborwa n'Umuvugizi wungirije wa kabiri.

Amategeko yihariye y'Umuryango arebana n'imikorere yawo yemezwa n'Inteko Rusange hakurikijwe ubwiganze bw'amajwi bw'abayigize.

Ubuyobozi bwa buri munsu bugengwa n'Umuvugizi w'Umuryango n'abamwunganira nk'uko Amategeko yihariye y'Umuryango abigena.

**Igice cya 3: Umutungo, kuwucunga n'umugenzuzi w'imari**

**Ingingo ya 19: Umutungo n'imari**  
Umutungo w'Umuryango ugizwe na:

1. Imishahara y'abanyamuryango bafite akazi bahemberwa;
2. Inyungu ziva ku bikorwa by'Umuryango;
3. Impano n'imirage bihabwa Umuryango.

**Ingingo ya 20: Ikoreshwa ry'umutungo**

Umuryango ufite ububasha bwo gushaka, gutunga, gukoresha uko ushaka imitungo yimukanwa

**Article 18: Frequency of ordinary meetings and decision-making**

The General Council meets twice a year and as many times as the interest of the Organization so requires, upon request of the Legal Representative. When she is absent it is presided by the first deputy legal representative, when the later is absent it is presided by the second deputy legal representative.

Norms relating to the functioning of the Organization in connection with the main guidelines of these statutes are adopted by the General Assembly at the absolute majority of members present.

The daily activities of the Organization shall be administered by the Legal Representative and her Assistant Legal Representatives according the internal regulation of the Organization.

**Section 3: Patrimony, administrative and financial audit organs**

**Article 19: Assets and finances**

The patrimony of the Organization is a constituted by:

1. The payment for work accomplished by members;
2. The income generated by their activities
3. Donations and bequest given to the Organization.

**Article 20: Allocation of the resource of the Organization**

The Organization has the capacity to acquire, to possess, to enjoy, to manage, to alienate movable

**Article 18: Administration et prise de décision**

Le Conseil Général se réunit deux fois par an et autant de fois que l'intérêt de l'Organisation l'exige, sur convocation de la Représentante Légale. A son absence cette réunion est présidée par la première représentante légale suppléante. Si elle est absente aussi, elle est présidée par deuxième représentante légale suppléante.

Les normes relatives au fonctionnement de l'Organisation en référence aux principes généraux de base contenus dans les présents Statuts sont adoptées dans l'Assemblée Générale par décision de la majorité absolue.

Les affaires courantes sont administrées par la Représentante Légale et par ses Représentantes Légales Suppléantes selon le Droit propre de l'Organisation.

**Section 3 : Organes administratifs et auditeur financier**

**Article 19: Patrimoine et finances**

Le patrimoine de l'Organisation est constitué par:

1. La rémunération du travail accompli par les membres;
2. Les revenus générés par leurs activités ;
3. Les dons et legs faits à l'Organisation.

**Article 20: Affectation des ressources**

L'Organisation a la capacité d'acquérir, de posséder, de jouir, d'administrer, d'aliéner des

*Official Gazette n°11 of 17/03/2014*

n'itimukanwa ikenewe kugira ngo Umuryango usohoze inshingano zawo.

Umuryango ushobora gukora ibikorwa by'ubucuruzi, n'inganda mu buryo bwo kunganira ibikorwa byawo.

Ibintu by'Umuryango ni umutungo wawo ntagoye. Umuryango ukoresha uwo mutungo ugamije kugera ku ntego yawo. Nta munyamuryango wawikubira ubwe, cyangwa ngo awugireho uruhare mu Muryango, aramutse yirukanywe, yisezereye, cyangwa se Umuryango usheshwe.

Ibikorwa birebana n'imitungo bigenwa kandi byemezwa n'Inama Nkuru yahawe uburenganzira n'Inteko Rusange.

Umunyamuryango ufashe umwenda atabyemerewe n'abamukuriye cyangwa yiyemeje ibindi akora arabyirengera, na nyuma yo kwikura mu Muryango cyangwa kwirukanwa. Ashobora no gukurikiranwa n'ubutabera igihe bibaye ngombwa.

**Ingingo ya 21: Akanama gashinzwe umutungo**

Umuryango ufite akanama gashinzwe umutungo kagizwe n'abantu batanu batorwa n'Inteko Rusange. Batorerwa imyaka itatu kandi bashobora kongera gutorwa igihe cyose. Bagomba guhura mbere y'uko Inama Nkuru ireba iby'umutungo iterana, bakareba ibijyanye n'umutungo

and immovable assets necessary to the realization of its objectives.

The Organization can exercise, on incidental account, commercial and industrial activities to reach its objectives for the support of its deeds.

Assets of the Organization are its exclusive property. It affects its resources to everything that contribute directly or indirectly to the realization of its objects. No member can assume the right of possession, nor to require any part of them in case of voluntary withdrawal, exclusion or dissolution of the Organization.

The disposal of the assets cannot be done without the General Council's consent that is given power by the General Assembly.

A member, having run up a debt or engagement without her superior's authorization, is and remains responsible for it, even after her voluntary withdrawal or her exclusion of the Organization. She is possibly accountable for her action before justice if it is necessary.

**Article 21: The Finance Commission**

A Finance Commission composed of five members, elected by the General Assembly for a renewable three-year term, shall meet before any meeting of the General Council convened to address finance matters. The members of the Finance Commission

biens meubles et immeubles nécessaires à la réalisation de ses objectifs.

L'Organisation peut exercer, à titre accessoire, des activités commerciales et industrielles pour atteindre ses objectifs pour le soutien de ses œuvres.

Les biens de l'Organisation sont sa propriété exclusive. Elle affecte ses ressources à tout ce qui concourt directement ou indirectement à la réalisation de son objet. Aucun membre ne peut s'en arroger le droit de possession, ni en exiger une part quelconque en cas de retrait volontaire, d'exclusion ou de dissolution de l'Organisation.

Les actes de disposition des biens ne peuvent être effectués que sur consentement du Conseil Général qui en reçoit mandat de l'Assemblée Générale l'Organisation.

Un membre, ayant contracté une dette ou un engagement sans l'autorisation de ses Supérieures, en est et en reste responsable, même après son retrait volontaire ou son exclusion de l'Organisation. Il en répond éventuellement devant la Justice s'il y a lieu.

**Article 21: Commission financière**

Une commission financière de cinq membres, élus par l'Assemblée Générale pour des mandats de trois ans renouvelables, se réunit avant chaque Conseil Général devant traiter des questions financières. La commission élit en son sein la Présidente et la Vice Présidente. La réunion est

w'Umuryango. Abagize iyi nama bitoramo Perezida na Perezida wungirije; Inama iyoborwa na Perezida, iyo adahari agasimburwa na Perezida wungirije.

Ni akanama ngishwanama gatanga ibitekerezo ku byerekeye umutungo kagategura imishinga kandi kakiga ibijyanye n'amafaranga y'Umuryango.

Bacunga imari n'indi mitungo by'Umuryango bakabikorera inyandiko mvugo bakabisinyira.

**Ingingo ya 22: Umugenzuzi w'imari uturutse ahandi**

Kugenzura imari n'ibintu by'Umuryango bikorwa n'umugenzuzi utari mu Muryango wemejwe n'Inama Nkuru ufite inararibonye kandi usobanukiwe n'uwo mwuga.

Buri mwaka atanga inyandiko mvugo mu Nama Nkuru.

**Igice cya 4: Urwego rushinzwe gukemura amakimbirane**

**Ingingo ya 23: Urwego rukemura amakimbirane**

Umuryango ufite urwego rushinzwe gukemura amakimbirane. Rugizwe n'abantu batanu, batorwa n'Inteko Rusange; bashyirwaho n'Inama Nkuru. Aba bitoramo ubuyobozi: Perezida, Visi Perezida, Umwanditsi, Umubitsi n'Umujyanama. Batorerwa imyaka itatu ishobora kuvugururwa.

elect among themselves a President and Vice President. The meeting is chaired by the President, in her absence, she is replaced by the Vice President.

As a consultative and advisory body, the Finance Commission shall have a say in any financial matter, especially on budget forecasts and financial reports.

They manage the finance and other property of the Organization and prepare a report there of and put up their signatures.

**Article 22: The external auditor**

The control financial of the assets and property of the Organization is supervised by an external auditor confirmed by the General Council from amongst competent and experienced persons.

He gives report to the General Council annually.

**Section 4: Disputes resolution body and mechanism**

**Article 23: Disputes resolution body**

The Organization shall be endowed with a body empowered to solve disputes. It shall be made up of five members elected by the General Assembly and nominated by the General Council. They choose each other the President, Vice President, Secretary, Treasurer and the advisor. They are elected for a term of three years renewable.

présidée par la présidente, en son absence, elle est remplacée par la Vice présidente.

Elle est un organe consultatif, appelé à donner ses avis sur toute question financière, notamment pour l'étude des prévisions budgétaires et des états financiers.

Elles gèrent bien les finances et autres biens de l'Organisation et elles rédigent un rapport et y apposent leurs signatures.

**Article 22 : Auditeur externe**

Le contrôle des finances et des biens est supervisée par un auditeur externe, confirmé par le Conseil Général parmi les personnes compétentes et expérimentées.

Il donne un compte rendu au Conseil Général chaque année.

**Section 4 : Organe et mécanisme de résolution des conflits**

**Article 23 : Organe de résolution des conflits**

L'Organisation est dotée d'un organe chargé de la résolution des conflits. Il est composé de cinq membres, élus par l'Assemblée Générale; nommer par le Conseil Général. elles se choisissent entre elles : Présidente, Vice Présidente, Secrétaire, Trésorière et Conseillère. Elles sont élues pour un mandat de trois ans renouvelables.

Iyo hagaragaye amakimbirane, urwo rwego ruterana mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu kugira ngo bige ikibazo uko giteye. Abagize urwo rwego bakora inama yo kwiga ikibazo. Itumizwa na Perezida w'urwo rwego igihe cyose bibaye ngombwa bakarebera hamwe uko Umuryango uhagaze kandi bakareba ibishobora guteza amakimbirane kugira ngo babikemure mu gihe gikwiye.

**Ingingo ya 24: Gukemura amakimbirane**

Urwego rukemura amakimbirane rushinzwe gukemura amakimbirane yose yaboneka hagati mu banyamuryango n'inzego zawo.

Buri muntu ku giti cye cyangwa buri rwego rw'Umuryango bashobora kugeza kuri urwo rwego ikibazo icyo ari cyo cyose kibangamiye ubumwe cyangwa umutekano mu banyamuryango no mu nzego zigize Umuryango.

Mu gukemura amakimbirane, urwo rwego rukoresha uburyo bushyira imbere kunga abashyamiranye rwifashishije inzira y'ubwumvikane n'ubwiyunge.

Iyo badashoboye gukemura ayo makimbirane, hitabazwa inkiko zibifitiye ububasha.

**Igice cya 5: Ibishingirwaho kugira ngo umuntu abe umuvobozi n'uko abitakaza**

**Ingingo ya 25: Ibyo asabwa**

Kugira ngo umuntu abe Umuvugizi w'Umuryango

It shall deliberate over disputes tabled within a fortnight after they have been referred to it. It shall hold its statutory meetings, to be convened by its Chairperson, any time it is deemed necessary in order to assess the atmosphere of the Organization and defuse any tension likely to create conflicts.

**Article 24: Mechanisms**

The disputes resolution body shall solve any dispute arising among members and organs of the Organization.

Each member and body of the Organization may refer any situation likely to jeopardise unity and harmony among its members and structures to the disputes resolution body.

In the course of its work, it shall put priority on dialogue, and disputes resolution through amicable means.

In case members fail to settle conflicts amicably, the parties shall refer the dispute to competent court.

**Section 5: Criteria for acquiring and losing the statutes of executive**

**Article 25: Conditions**

Internal regulation shall lay down conditions for

Une fois saisi d'une situation conflictuelle, l'organe se réunit au cours de quinze jours pour étudier la question. La réunion est convoquée par sa Présidente, toutes les fois qu'il est jugé nécessaire pour étudier la situation de l'Organisation et prévenir toute tension conflictuelle.

**Article 24: Mécanismes**

L'Organe de résolution des conflits est chargé de résoudre tout conflit entre les membres et organes de l'Organisation.

Chaque membre, et chaque organe de l'Organisation peut lui soumettre les cas portant atteinte à l'unité et à l'harmonie des membres et des structures.

Ils font recours aux moins en privilégiant le dialogue et les solutions à l'amiable.

A défaut de la solution, le litige est soumis au tribunal compétent.

**Section 5 : Critères pour avoir et pour perdre la qualité de dirigeant**

**Article 25: Les conditions**

Pour être élue aux fonctions de Représentante

imbere y'Amategeko, bigenwa n'Amategeko yihariye y'Umuryango.

Ariko kandi, agomba kuba yujuje ibivugwa mu ngingo ya 27 y'Itegeko n° 06/2012 ryo ku wa 17 Gashyantare 2012, biherekejwe n'icyemezo kigaragaza ko atigeze gukatirwa ibihano n'inkiko zibishinzwe.

Umuvugizi wese ashwirwaho n'Inteko Rusange kandi akurwaho n'iyo Nteko hakurikijwe Amategeko yihariye y'Umuryango.

**UMUTWE WA V: GUSESA UMURYANGO, UMUTUNGO NO KUGIRA UWO BAWUGABIRA**

**Ingingo ya 26: Iseswa, ihuzwa n'undi muryango cyangwa kuwinjiramo n'umutungo wawo**

Iseswa ry'Umuryango «SOEURS ABIZERAMARIYA» n'umutungo wawo, kwifatanya n'undi Muryango cyangwa kuwomeka ku wundi Muryango bihuje intego byemezwa na bibiri bya gatatu (2/3) by'abanyamuryango bagize Inteko Rusange.

**Ingingo ya 27: Abahabwa uwo mutungo**

Iyo Umuryango usheshwe, umutungo wawo uhabwa ibikorwa bya Kiliziya Gatolika cyangwa abandi Bihayimana cyangwa abagiraneza bahuje intego n'imikorere uko bivugwa mu ngingo ya 4 y'aya Mategoko Shingiro.

the appointment to the position of Legal Representative.

Besides every candidate must meet the requirements laid down by Article 27 of Law n° 06/2012 of February 17 2012, and certified by a criminal record.

The statutes of executive shall be lost in accordance with the internal regulation of the Organization.

**CHAPTER V: DISSOLUTION AND DISPOSITION OF ASSETS**

**Article 26: Dissolution, merger and affiliation**

The dissolution of the Organization «SŒURS ABIZERAMARIYA» and its assets, fusion with another or affiliation to any other Organization with the same objective is decided by the two-third (2/3) of the effective members composing the General Assembly.

**Article 27: Disposition of assets**

In case of dissolution, the social assets will be affected to Catholic deeds, religious or philanthropic, of preferably those having the same object as the one defined in article four of these statutes.

Légale, les modalités sont régies par le Droit propre de l'Organisation.

En outre toute candidate doit satisfaire aux conditions stipulées par l'article 27 de la loi n° 06/2012 du 17 Février 2012, attestés par un extrait de casier judiciaire.

Il perd la qualité de dirigeante dans l'Organisation selon le Droit propre de l'Organisation.

**CHAPITRE V: DISSOLUTION ET AFFECTATION DU PATRIMOINE**

**Article 26: Dissolution, fusion et affiliation**

La dissolution de l'Organisation « SŒURS ABIZERAMARIYA » et de son patrimoine, sa fusion ou son affiliation avec ou à toute autre organisation poursuivant un même objectif est décidée par deux tiers (2/3) d'une majorité des membres de l'Organisation composant l'Assemblée Générale.

**Article 27: Affectation**

En cas de dissolution, l'avoir social sera affecté à des œuvres de l'Eglise Catholique ou religieuses ou philanthropiques, de préférence celles ayant la même mission que celle défini à l'article 4 de ces Statuts.



**UMUTWE WA VI: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'ISOZA**

**CHAPTER VI: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**Ingingo ya 28: Ihindurwa ry'aya mategeko**

Aya Mategeko ashobora guhindurwa n'Inteko Rusange ku bwiganze bw'amajwi ya bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize.

Aya Mategeko Shingiro asimbuye ayo mu mwaka 2005, yemejwe tariki ya 13 Kamena 2005 na Minisitiri w'Ubutabera mu iteka n° 62/11, yatangajwe mu igazeti ya leta n° 20 yo ku wa 15 Ukwakira 2005.

**Ingingo ya 29: Ingingo zinyuranye**

Ibitavuzwe muri aya Mategeko Shingiro biri mu Mategeko yihariye y'Umuryango «SOEURS ABIZERAMARIYA».

**Ingingo ya 30: Igihe aya mategeko atangirira gukurikizwa**

Aya Mategeko Shingiro yemejwe n'ubwiganze bw'amajwi y'abanyamuryango bagize Inteko Rusange idasanzwe bari kuri lisiti ku mugereka.

Aya Mategeko Shingiro azahita akurikizwa ku munsu yemejweho n'abanyamuryango.

Bikorewe ku Gisagara, Akarere ka Gisagara Intara y'Amajyepfo, ku wa 22/11/2012

**Article 28: Amendment of these Statutes**

The present Statute can only be modified on decision of the absolute majority two-thirds (2/3) of the delegates meeting convened for that purpose.

These Statutes replace those of 2005 as approved on 13<sup>th</sup> June 2005 by the Minister of Justice in the ministerial order n° 62/11 published in official gazette n° 20 of 15<sup>th</sup> October 2005

**Article 29: Miscellaneous provisions**

For any other provisions not provided in these statutes, we refer to the internal regulation of the Organization «SOEURS ABIZERAMARIYA».

**Article 30: Entry into force**

These Statutes were adopted through a majority vote of members of the Organization, in an Extraordinary General Assembly present on the attached list.

These Statutes shall come into force as soon they are approved by the members of Organization.

Done at Gisagara, Gisagara District, Southern Province, on 22 /11/2012

**Article 28: Modification des présents statuts**

Les présents Statuts ne peuvent être modifiés que sur décision de la majorité absolue de deux tiers (2/3) des délégués réunies pour statuer à cet effet.

Les présents Statuts remplacent ceux du 2005, approuvé le 13 Juin 2005 par le Ministre de la Justice en son Arrêté N° 62/11, publié au Journal officiel n° 20 du 15 Octobre 2005.

**Article 29: Dispositions diverses**

Tout ce qui n'est pas dit dans les présents Statuts est défini dans le Droit propre de l'Organisation «SOEURS ABIZERAMARIYA».

**Article 30: Entrée en vigueur**

Les présents Statuts ont été adoptés à la majorité des membres de l'Assemblée Générale Extraordinaire figurant sur la liste en annexe.

Ils entrent en vigueur à la date de leur approbation par les membres de l'Organisation.

Fait à Gisagara, District de Gisagara, Province du Sud, le 22/11/2012

**Abavugizi b'Umuryango/ The Legal Representatives /Les Représentantes Légales**

**Sr NYIRANSABIMANA Laurence (sé)**

Umuvugizi w'Umuryango  
The Legal Representative  
Représentante Légale

**Sr NYIRAMANA Marie Françoise (sé)**

Umuvugizi wungirije wa kabiri  
The second Deputy Legal Representative  
2<sup>ème</sup> Représentante Légale Suppléante

**Sr MUJAWAYEZU Pélagie (sé)**

Umuvugizi wungirije wa mbere  
The Deputy Legal Representative  
1<sup>ère</sup> Représentante Légale Suppléante

**Sr MUKARUGINA Marie Régine (sé)**

Umuvugizi wungirije wa gatatu  
The third Deputy Legal Representative  
3<sup>ème</sup> Représentante Légale Suppléante



**Rwanda Governance Board**  
**Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imiyoborere**  
**Office Rwandais de la Gouvernance**



**ICYEMEZO N°001/2013 GIHA UBUZIMAGATOZI UMURYANGO "UNITED CHRISTIAN CHURCH (UCC)"**

Twebwe, **Prof. SHYAKA Anastase**, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imiyoborere;

Dushingiye ku Itegeko n° 06/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango ishingiyeye ku idini, cyane cyane mu ngingo zaryo za 21 na 22;

Dushingiye kandi ku ibaruwa twandikiwe kuwa 26/03/2013 n'umuyobozi w'umuryango **United Christian Church (UCC)** asaba ubuzimagatozi;

Tumaze kubona ko uyu muryango wujuje ibisabwa byose kugira ngo umuryango ushingiyeye ku idini uhabwe ubuzimagatozi nk'uko biteganywa n'ingingo ya 21 y'itegeko ryavuzwe hejuru;

Duhaye ubuzimagatozi umuryango **United Christian Church (UCC)** iki cyemezo kikazatangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

